NAMAHORO Hassan

Kigali - Rwanda | +250783061960 | nahassan2000@gmail.com

*Kuwa 15 Kamena 2023*

**Nyakubahwa Mufti w'u Rwanda**
Rwanda Muslim Community (RMC)
Kigali – Rwanda

**IMPAMVU: Kugaragaza amakosa akorwa mu itegurwa ry'Umutambagiro Mutagatifu (Hijja) by'umwihariko amakosa yakozwe uyu mwaka wa 2023**

**Nyakubahwa Mufti,**

***Assalam alaikum wa rahmatullahwa barakatuh,***

Mbandikiye iyi baruwa murwego rwo kubagaragariza amakosa akorwa mu mitegurire y'umutambagiro mutagatifu (Hijja), nyamara iki gikorwa ari igikorwa umuryango w'abayisilamu mu Rwanda ukwiye kwitaho, ukagikora mu nyungu z'abayislamu bose (inclusive) kandi kikagirira n'umuryango akamaro aho kukagirira itsinda ry'abantu runaka bakorera mu bwiru cg umuntu ku giti cye.

Nyakubahwa Mufti, Umutambagiro mutagatifu ni inkingi ya gatanu (5) mu nkingi z'ubuyisilamu, kuburyo buri muyisilamu wese aba ari inzozi ze kuzubahiriza iyi nkingi mu buzima bwe byibuze inshuro imwe kuwubifitiye ubushobozi, ariko na none akaba ari inshingano z'umuryango gufasha imbaga nini y'abayisilamu mu kubahiriza iyi nkingi nta mananiza mu bijyanye n'ubushobozi abayeho.

Njyewe ndi VISI Perezida wa komisiyo y'ibwirizabutumwa n'imigenzo y'idini mu muryango w'abayisilamu mu Rwanda, ndi mu bayobozi b'umuryango bemejwe n'inama nkuru muri 2019, nkaba narateguye umutambagiro mutagatifu, nkanayobora abanyarwanda mu mutambagiro mutagatifu inshuro 4, nkaba ndi umunyarwanda umwe nonaha wakoze amahugurwa muri Saudi Arabia ku ikoranabuhanga ryifashishwa mu gutegura umutambagiro mutagatifu (Ehaj Portal) muri 2015, nkaba naranakoze amahugurwa mu ntangiriro z'uyu mwaka wa 2023 ku ikoranabuhanga rishya ryavuguruwe muri 2020, aho Ehaj Portal yahujwe na serivise zitangwa n'irindi koranabuhanga rishya ryitwa (Nusuk), nejejwe no kubandikira Nyakubahwa Mufti

mbagaragariza amakosa akorwa k'ubushake, ubwiru ndetse no kudakorera mu mucyo mu itegurwa ry'umutambagiro mutagatifu, kandi ibi bikaba binyuranije n'ibyo dutozwa n'ubuyobozi bwiza bw'igihugu cyacu birimo gukorera mu mucyo kandi mu nyungu rusange z'abo dushinzwe kuyobora aho kuba inyungu z'umuntu ku giti cye cg itsinda ry'abantu runaka:

- **Ubwiru mu itegurwa ry'umutambagiro mutagatifu no guheza VISI perezida wa Komisiyo y'ibwirizabutumwa n'imigenzo y'idini ifite mu nshingano itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'umutambagiro mutagatifu.** Ibikorwa by'itegurwa ry'umutambagiro mutagatifu w'uyu mwaka wa 2023 rigaragaramo abantu ubusanzwe badafite aho bahuriye n'itegurwa ryawo mu buryo bwa bugufi, kuko bafite inshingano zindi mu muryango zitandukanye n'iza komisiyo y'imigenzo y'idini, n'ubwo zishobora guhura n'umutambagiro mu buryo bwa kure, muri bo navuga nka:
  - Komisiyo ya Protocol by'umwihariko Perezida wayo, unasanganywe indi mirimo mu muryango.

    Uyu muyobozi n'abo akorana nabo ngo bahaye Perezida wa komisiyo y'ibwirizabutumwa n'imigenzo y'idini amabwiriza (briefing) yo guheza Visi Perezida we, n'ubwo ariwe wahuguwe inshuro ebyiri zose uko umutambagiro mutagatifu utegurwa kandi akanahugurwa mu mikoreshereze ya system zawo z'ikoranabuhanga, iz'imitegurire ndetse n'iza VISA.

**Ubu bwiru no kudakorera mu mucyo, bigira ingaruka zikurikira:**

- Kugenerwa umubare muto na Leta ya Saudi Arabia w'abanyarwanda bitabira umutambagiro mutagatifu, n'igerageza ribayeho ryo gusaba ko wongerwa rigakorwa nabi akenshi mu buryo bwa diplomacy, nyamara rikwiye kunyuzwa muri channel ziri tekinike, ariko ababizi baba barahejwe.
- Gukoresha nabi umutungo w'umuryango winjizwa n'umutambagiro mutagatifu. Kuri iyi ngingo navuga nko gutanga amasoko atanyuze mu mucyo atangwa imbere mu gihugu ndetse no hanze yacyo, kuko biba mu bwiru bw'abantu mbarwa batanabifite mu nshingano.

  Uyu mwaka umuryango w'abayisilamu mu Rwanda winjije arenga **630,000,000 Rwf** ashingiye ku giciro gihanitse nkuko nabivuze kandi akaba agiye no gukoreshwa nabi mu itangwa ry'amasoko atanyuze mu mucyo, kandi n'abayisilamu bayatanze bagahabwa serivise mbi zitavugwaho rumwe, kandi zitangana n'icyo baba batanze.
- Kunaniza umubare munini w'abayisilamu bo mu Rwanda gukora umutambagiro mutagatifu, binyuze mu biciro bitigwa neza na serivise mbi bahabwa mu Rwanda no hanze yarwo.

- **Ishyirwaho ry'igiciro gihanitse nta nyigo yacyo ibayeho**. Igiciro cy'umutambagiro mutagatifu uyu mwaka cyashyizweho nta consultation ibayeho cg kwigwa n'itsinda ry'abafite amakuru mashya ku itegurwa ry'umutambagiro mutagatifu, barimo na VISI perezida wa komisiyo y'ibwirizabutumwa n'imigenzo y'idini wahuguwe na Minisiteri y'umutambagiro mutagatifu mu mwaka wa 2015, agakora n'andi mahugurwa mu mwaka wa 2023 ku ihuzwa rya System yari isanzwe n'inshya irimo serivisi zivuguruye mu kitwa "Nusuk". Visi perezida uhezwa nonaha ni na member w'urugaga mpuzamahanga rw'abategura umutambagiro mutagatifu bo ku isi yose ruhuje abantu 224, ariko igiciro cyo gukora umutambagiro mutagatifu kigashyirwaho mu bwiru, nta consultation ibayeho cg gukorera mu mucyo, umuryango ugashyiraho iki giciro udafite amakuru nyakuri y'ibikenewe kwishyurwa n'ayo bizatwara, kandi ari igiciro kigoye abayisilamu kidaha amahirwe ingeri zose z'abayisilamu usibye ba rwiyemezamirimo bo ku rwego rwo hejuru.

  Umuryango w'abayisilamu mu Rwanda washyizeho igiciro cy'amadollard ya Amerika 6300 USD, hafi 7,500,000 Rwf ku muntu, hatarebwe icyo aya mafaranga azakora, n'ubushobozi bw'abayisilamu muri iki gihe cyane cyane nyuma y'ihungabana ry'ubukungu rikomeye ryaturutse ku cyorezo cya COVID-19 n'urusobe rw'ibibazo by'ubukungu byugarije isi nonaha. Iki giciro na none ku rundi ruhande cyarimo gufatirana (exploitation) kuko umubare munini wifuzaga gukora umutambagiro mutagatifu wari umaze imyaka itatu warananiwe kugenda, abashyizeho iki giciro bumvaga amafaranga baka yose hatazabura umubare w'abazayatanga. Umuntu uri hafi y'abashyizeho iki giciro, abajijwe icyo yashingiyeho yavuze ko I Bugande na Tanzania aricyo giciro bafite, nyamara yiyibagiza ko igihe cyose ibi biciro bishingira ku cyiciro cya service zateguwe Saudi Arabia, kuko Uganda cg Tanzania usanga serivise z'abo I Makka ziri hejuru y'izacu, bityo igiciro cyabo akaba ataricyo twashingiraho.

- **Gusaba service za VISA (visa processing) mu bihugu duturanye nyamara mu Rwanda dufite umunyarwanda ufite ubushobozi bwo gutanga izi serivise, wabihuguriwe muri 2015 na 2023.** Mu rwego rwo kunyereza umutungo w'umuryango, Kampala hoherezwa umuntu waguriwe itike y'indege, agahabwa amafaranga ya misiyo, akarara mu mahoteri ategereje guhabwa n'abagande serivise itangwa n'umunyarwanda mu Rwanda kandi usanzwe ari na VISI perezida wa komisiyo ifite mu nshingano itegurwa ry'umutambagiro mutagatifu, kandi abagande nabo bagababwa amafaranga yo kubikora. **Ibi kandi binafite ingaruka ku mutekano aho Passports z'abantu 85 uyu mwaka zambukanwe umupaka zikajyanwa mu gikapu n'umuntu hanze y'igihugu nta Yindi protocol ibayeho, agiye gusaba serivise abantu batari urwego ruzwi, kandi iyo serivise yakabaye itangirwa mu biro**

**by'umuryango n'umunyarwanda wabihuguriwe**, kandi nabwo izo VISA zikaba zaravuzwemo ibibazo no hanze y'u Rwanda, aho kuzibona byagiye bigaragaramo ibibazo.

- **Kunanirwa guha serivise abanyamahanga b'abayisilamu batuye ku butaka bw'u Rwanda:**
  Uyu mwaka wa 2023, nibwo bwa mbere umuryango w'abayisilamu mu Rwanda wananirwa guha serivise z'umutambagiro mutagatifu abanyamahanga b'abayisilamu baba mu Rwanda kandi barishyujwe, bakishyuzwa banarengejeho kuyo abanyarwanda basabwa, nyamara icyananije umuryango uyu mwaka ni ubumenyi buke no gukorera mu bwiru, kubera ko umunyarwanda wahuguwe mu mikoreshereze ya sisitemu nshya zitangirwamo VISA yahejwe. Ikibazo umuryango wagize uyu mwaka cyariho n'umwaka ushize wa 2022, ariko kubera ko cyari mu bumenyi bw'umunyarwanda wahuguriwe gutanga izi VISA z'abanyamahanga, icyo gihe zaratanzwe, kuko n'ubwo uwo mwaka Visi perezida wa komisiyo y'ibwirizabutumwa n'imigenzo y'idini yahejwe muri byose bigize imyiteguro y'umutambagiro mutagatifu ariko yahawe umwanya wo gutanga umusanzu mu itangwa rya VISA nk'ubisobanukiwe, uyu mwaka rero nyuma yo kwambukana umupaka pasiporo z'abanyarwanda n'abanyamahanga I Bugande, VISA z'abanyamahanga ntizari buboneke kubera ko ntawuzi uko System ya "Nusuk" ikora n'iz'abanyarwanda nazo zivugwamo ibibazo no kugorana ari nako umutungo w'umuryango uhatakarira.

- **Ihezwa ry'urubiruko rushya rurangije kwiga vuba mu bihugu birimo Saudi Arabia, ruzi imiterere n'imikorere mishya bya Saudi Arabia nonaha.** Ubuyobozi bw'umuryango w'abayisilamu mu Rwanda bwugarijwe n'imikorere yarambiranye y'abantu bamwe bakorera mu dutsiko n'amatsinda ahuje inyungu bwite ariko atandukanye mu ntego, bahana imyanya y'ubuyobozi ifata ibyemezo kandi ijya ibamo indonke, basimburanwa mu bikorwa bibagaruraho inyungu bwite, Iyo bibaye ngombwa ko bashyiramo umuntu utaribo riba ari isuzumwa ko yazakora mu nyungu zabo. Urugero natanga nonaha, ni uko umutambagiro mutagatifu uyu mwaka wakayobowe na Perezida wa komisiyo y'ibwirizabutumwa n'imigenzo y'idini, n'undi musore muto mushya mu barangije kwiga vuba, ariko ndemeza ko ibi bizahabwa perezida wa komisiyo ya protocol.

- **Kudatanga amakuru no guheza uwakabaye azi ibiri gukorwa 100%:** Inshuro zose nagerageje guhamagara uyu mwaka abo nari nziko bari mu mitegurire y'umutambagiro mutagatifu hanze ya komisiyo ibishinzwe njye mbereye VISI perezida ngo mbagire inama, mbahe amakuru, barambeshyaga, ubundi bakanga kunyitaba, umwe muribo

yambwiye ko yahawe amabwiriza na Perezida wa Komisiyo ya protocol yo kungendera kure. Ubwo nageragezaga guhamagara umwe muribo ngo ntange umusanzu wanjye ku makuru mikorere mishya nari nzi mu mitegurire y'umutambagiro mutagatifu y'uyu mwaka cyane cyane areba ihuzwa rya System nshya ya Nusuk na Ehaj Portal (yari isanzwe), ariko uyu muyobozi ushinzwe protocol nahamagaraga ntiyigeze anyitaba, n'ubu nandika iyi baruwa nonaha ntiyigeze ampamagara ngo ambaze icyo namushakiraga kandi hashize ibyumweru bitatu, atari ukuvuga ko hari ikindi kibazo dufitanye, ahubwo ari ukugumisha ibyo bari gukora mu bwiru.

Nyakubahwa Mufti w'u Rwanda, ibi mbagejejeho ndizera ko bikosowe byagira uruhare mu gutegurwa k'umutambagiro mutagatifu mu buryo bubereye umuryango mugari w'abanyarwanda b'abayisilamu n'abanyamahanga b'abayisilamu bari ku butaka bw'u Rwanda, kandi umutambagiro ukaba igikorwa kidaheza ushingiye kubushobozi bw'ibyiciro bitandukanye by'abayisilamu, kandi Imana izabibafashemo.

Mugire amahoro,

**Eng. Sheikh NAMAHORO Hassan**

VISI perezida wa komisiyo y'ibwirizabutumwa n'imigenzo y'idini

Rwanda Muslim Community (RMC)

**<u>Bimenyeshejwe</u>**:

1) Ibiro by'Umukuru w'igihugu / Presidence
2) Minisiteri y'ubutegetsi bw'Igihugu / MINALOC
3) Umuyobozi wa RGB
4) Rwanda National Police (RNP) / CTU
5) Mufti wungirije
6) Inama nkuru y'abasheikh / Majlis Shuyukh
7) Abagize inama nkuru (bose)
8) Perezida wa Komisiyo zigize CD (bose)